Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

Rutsiro, 30/07/2014

**<u>RAPORO Y'INAMA YA 3 Y'ABAFATANYABIKORWA KU BURINZI BW'ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI</u>**

Kuri uyu wa kane taliki 24/07/2014, ku biro by'umuryango Forest of Hope Association (FHA) hateraniye inama yahuje abafatanyabikorwa ku ishyamba cyimeza rya Gishwati. Iyi nama isoza umwaka yari igamije kurebera hamwe ibyagezwo n'uburinzi bw'ishyamba cyimeza rya Gishwati n'ahagikenewe imbaraga. Umutumira w'inama yari Forest of Hope Association (FHA).

**Kuri gahunda y'inama hari:**

- Kurebera hamwe ibyagezweho mu umushinga w'uburinzi bushingiye ku baturiye ishyamba cyimeza rya gishwati **(Community Forest protection Initiative (CFPI))** mu mwaka ushize
- Kwungurana ibitekerezo hagendewe ku byagezweho hanarebwa ahakongerwa ingufu
- Guhana amakuru ku biteganywa hanarebwa ejo hazaza ha Gishwati

**Uko inama yagenze:**

Ibikorwa byatangijwe no gusura ishyamba, hasurwa Kinyenkanda, agace kongewe ku ishyamba nyuma ubu akaba aribwo karimo gukuramo bimwe mubiti cyimeza. Abitabiriye bishimiye uko harinzwe, bashima ubufatanye bw'abayobozi, abaturage n'abarinzi n'uko ishyamba rirmo gukura neza. Habayeho kandi kwungurana ibitekerezo ku byo ako gace k'ishyamba gakeneye aho IP. Schadrack RUTABAYIRO, umuyobozi wa Police/RUHANGO yagaragje ko hakenewe kwitabwaho hakongerwa ibiti kimeza birimo. Byagaragaye ko igikenewe cyane ari uko habanza gukurwamo ibiti bitari cyameza( intusi, imitobotobo n'ibindi byatsi byangiza) nyuma hakarebwako hakirimo imbuto z'ibiti cyimeza zikongerwa. Uku gusura ishyamba kandi byagaragaje neza ibyagezweho mu guhashya ibikorwa byo kuragira bituma aka gace ubu kameze neza.

Nyuma y'uru rugendo, abitabiriye berekeje ku biro bya FHA mu nama mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku cyakorwa ngo ubu burinzi bukomeze kugenda neza hagendewe ku byagezweho, ibyagaragaye hasurwa ishyamba, hanagendewe no kubyari mu myanzuro y'inama y'ubushize yo ku wa 15/11/2013.

Umuhuzabikorwa wa FHA, Mr. Thierry Aimable Inzirayineza, yatangiye ashimira abitabiriye bose, ashimira cyane abafatanyabikorwa ku bikorwa bakoze bijyanye n'ubuvugizi ku ishyamba kimeza rya Gishwati. Yanashimiye kandi by'umwihariko ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ku bufatanye bwagize kugirango bigende neza, anashimira cyane abaterankunga kuri uyu mushinga. Mu byakozwe yagaragajwe uko ibyangiza ishyamba byagiye bigabanyuka muri buri kiciro hagendewe ku maraporo yaburi kwezi yatangwaga ku bafatanyabikorwa, uhereye mu kwezi kwa Nyakanga 2013 ubwo uburinzi bushingiye ku baturiye Gishwati bwatangiraga. Hashyizwe imbaraga kandi mu gusura abakekwaho gutiza umurindi ibikorwa byo gutashya no guca imigozi y'imikore (*Dombeya*) bagura inkwi cyangwa imigozi y'imikore ndetse na liste y'abakekwaho ibikorwa bibi, nk'ubucukuzi zatanzwe mu bayobozi, abo bagatumizwa bakigishwa kugirango babicikeho. Mu bitaragenze neza, hagaragajwe kuba ubukukuzi bw'amabuye y'agaciro butahashijwe uko byifuzwaga nubwo

hari icyakozwe. Ibi kandi bikaba bigikorwa mu nkengero z'umugezi wa Sebeya na Kinyenkanda. Hasabwe ko Ingabo na Police bafasha mu guhashya ibi bikorwa bongera ubufasha batanga. Gutashya nabyo biri mu byagarutsweho cyane havugwa ko byongewe n'ibikorwa byo gusarura intusi ziherereye mu ishyamba rwagati. Hagaragajwe ko kubera urujya n'uruza rw'abantu bakoreshaga ishyamba basarura intusi, ibikorwa byo gutashya byongeye kuzamuka guhera mu kwezi kwa Mutarama 2014. Ibi bikorwa kandi bikaba bikekwa kuba mu byongereye iyonwa ry'imyaka y'abaturage bikorwa n'inyamaswa zo mu ishyamba, ikibazo gikomeye kinatuma haba amakimbirane hagati y'ishyamba n'abarituriye.

Mu bindi, umuhuzabikorwa wa FHA yibukije abafatanyabikorwa ko uyu ari umwaka wa Gatatu FHA ikora ibikorwa bigamije kubungabunga Gishwati kuva muri 2012. Agaragaza ko n'ubwo abaterankunga bafasha uyu mushinga w'uburinzi bushimgiye ku baturiye ishyamba bakomeje gutera inkunga iki gikorwa hakenewe izindi mbaraga zunganira ibi bikorwa. Yagaragaje kandi ko iyo FHA itahaba ishyamba riba ryarabaye urwuri rw'inka, nkuko byagaragajwe mu gace kasuwe, n'indiri y'ibindi bikorwa bibi byangiza ishyamba binateza umutekano muke abarituriye. Yahereye aho agaragazako mu mikorere ya FHA mu myaka ishize byagaragaye ko hakenewe amasezerano hagati ya FHA n'ibigo bifite imicungire y'amashyamba cyimeza mu nshingano, kuko FHA ikenera aya masezerano mu mishinga yose iba iteganya kuri Gishwati. Yamenyesheje abari mu nama ko hari icyakozwe kuko aya masezerano ubu yashyikirijwe ikigo cy'umutungo kamere (RNRA) ishami ry'amashyamba, asaba ko byakwihutishwa byanashoboka agasinywa nyuma hakaba hahindurwa bimwe mu biyagize igihe haramutse habaye impinduka mu micungire ya Gishwati.

Nyuma hafunguwe ikiganiro hagaragazwa ibyo abafatanyabikorwa bagezeho n'ibigikenewe gukorwa, hanagaragazwa ibiteganywa ku hazaza ha Gishwati. Abafashe umwanya w'ijambo bose bishimiye ibikorwa byagezweho bashima ubwitange abarinzi, ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ndetse n'abaturiye Gishwati bagize kugirango uyu mwaka ushize ibikora byose bigende neza.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Kigeyo wari n'intumwa y'akarere ka Rutsiro muri iyi nama, Mr. Baptiste UWIHANGANYE, yashimiye abitabiriye ashima ubufatanye buranga abafatanyabikorwa, ashima cyane umuterankunga w'uyu mushinga anashima ibyagezweho kuri uyu mushinga w'uburinzi bwa Gishwati. Yavuzeko abaturage bo mugace bamaze kumenya ibyiza by'ishyamba kandi bazi ububi bwo kuba mu butayu. Yerekanye ko ari ngombwa kwibandwa ku kumenya agaciro k'umutungo kamere ndetse no kumenya kubyaza umusaruro ibyo byiza mu bukerarugendo harebwa iterambere ry'igihugu n'inyungu rusange. Yijeje abitabiriye inama ko ubuyobozi bw'ibanze buzakomeza gukora ibishoboka byose kugirango abaturiye Gishwati bakomeze gukora ibikorwa biyirinda.

Intumwa za RDB muri iyi nama, Télesphore NGOGA, Aimé SIBOMANA na Benoit MUNYANKINDI, bamenyesheje abitabiriye ko umushinga w'itegeko rigira Gishwati na Mukura pariki wageze mu biro bya Minisitiri w'intebe rikazajyanwa mu nama y'Abaminisitiri ryakwemezwa rikazajya mu Nteko Ishinga Amategeko. Hagaragajwe kandi ko hari umushinga wa REMA uzaterwa inkunga na banki y'isi, uzakorera muri kano gace ,ukazafasha muri byinshi bihangayikishije mu kubungabunga Gishwati ndetse n'imibereho yabaturiye Gishwati. Bijeje ko mu bikorwa byose biteganywa ku hazaza ha Gishwati, hazakomeza kwita ku bayituriye hubakirwa kubikorwa bya FHA, hashakwa ibisubizo ku bibazo bikigaragara cyane nk'ikibazo cy'ibicanwa kigaragara cyane muri aka gace. Basabye kandi ko abantu batangira gutekereza ku cyakorwa hategurwa isoko ry'ubukerarugendo kugirango abaturiye Gishwati baribonemo inyungu. Ku kibazo cy'iyonwa ry'imyaka hagaragajweko hari tegeko rivuga ku buryo bwo kuriha abangirijwe ibyabo n'inyamaswa, bashimangira ko abaturage bagomba kumenya uburenganzira bwabo.

Uwari uhagarariye International Gorilla Conservation Programme (IGCP), Mr. Benjamin MUGABUKOMEYE, Yagaragaje ko nubwo itegeko rihari, hagomba gushyirwa imbaraga mu kurinda iyo myaka ndetse no gukumira ibyo bikorwa bitaraba cyane ko inyamaswa zona hakurikijwe ibihe. Yagarutse kandi ku mushinga uzagira Gishwati na Mukura, ashima ibyakozwe anagaragaza ko iki ari igisubizo ku kibazo cyibazwaga ku bijyanye n'imicungire ya Gishwati mu gihe umushinga wakwemezwa bidatinze.

Umukozi w'ikigo cy'umutungo kamere ishami ry'ishyamba, Goretti MANIKUZWE, yagaragaje ko amsezerano yagombaga gusinywa hagati ya FHA na RNRA ishami ry'amashyamba yatindijwe n'ibarura ry'ahasigaye amashyamba kimeza hose, yizeza ko hazarebwa icyakorwa kuri aya masezerano.Yagarutse kandi ku kibazo cyo gusarura intusi cyari cyavuzwe yemeza ko hari gahunda yo gukura ibiti nkibyo ahari ibiti cyimeza hose, aho yagaragaje ko ku mashyamba cyimeza hazitabwa ku bitekerezo bitandukanye ku buryo ibi bikorwa bitabangamira inyamanswa zo mu ishyamba. Yashoje yizeza ubufatanye mu bikorwa byose biteganywa.

FHA yagaragarije abitabiriye inama ibiteganywa bizagira imbaraga byongerera uburinzi bwa Gishwati, harimo:

- Umushinga watewe inkunga na Critical Ecosystem Partnership Fund (CEPF) uzafasha mu kwongerera ubumenyi abayobozi mu nzego z'ibanze mu gushyira mu bikorwa amategeko agenga ibyanya bikomye n'ibidukikije, kwongerera ubushobozi abaturage ku buryo bagenzura ibikorwa by'abarinzi kandi bakabaha ubufasha, ndetse no gukora gahunda y'imyaka itanu y'imicungire ya Gishwati

- Amarushanwa ku matsinda y'ibidukikije (Eco-clubs) mu mashuri akikije Gishwati bigamije kuzamura imyumvire y'abaturiye Gishwati ku kamaro k'ishyamba n'ibirituye ndetse no kubaka mu bana bato bushobozi bujyana n'imyumvire ku kubungabunga ibidukikije.

- kwagura ubworozi bw'inzuki ku bahinzi borozi bibumbiye muri Koperative JYAMBERE mu gice cya Bitenga kugirango tugabanye amakimbirane hagati y'ishyamba n'abarituriye hakorwa ibikorwa bibabyarira inyungu .

- Ubushakashatsi ku bijyanye n'iboneka ry'ibiryo kuri chimpanzee no kureba ibipimo by'uburebure bushoboka, aho abantu bahinga imyaka yonwa n'inyamaswa ntihabeho iyonwa.

<u>**Imyanzuro y'inama:**</u>

- Abitabiriye imana bishimiye uko uburinzi bwakozwe, bishimira ibyagezweho ku bufatanye bw'abaturiye Gishwati ndetse n'uko buri mufatanyabikorwa yatanze umusanzu we muri ubu burinzi

- Hasabwe ko mu biteganywa mu mishinga yose yaza gukora kuri Gishwati harebwa cyane ku gukura ibiti bitari kimeza mu ishyamba hakongerwa ibiti cyimeza mu duce bigaragara ko ari bike.

- Hasabwe kandi guhana amakuru ku byemezo byafashwe ku bikorwa bigomba gukorerwa ku butaka bw'ishyamba cyimeza ntihabeho gutungurwa nkuko byabaye hatangwa amashyamba y'intusi yasaruwe mu ishyamba kimeza rya Gishwati.

**Ibyasabwe abafatanyabikorwa:**

- **FHA :** Gukomeza gufasha mu guha gahunda ibikorwa by'uburinzi bwa Gishwati

- **Imirenge n'utugari** : Gukomeza gufatanya n' abarinzi kugabanya iyangirika ry'ishyamba no guhana abakomeza kwangiza

- **Akarere ka Rutsiro :**
  - Gukomeza gukora ibikorwa by'ubukangurambaga ku byangiza ishyamba cyimeza
  - Gukora ubuvugizi mu kwihutisha umushinga ugira Gishwati na Mukura Pariki, kugirango uburinzi bwa Gishwati bwongererwe imbaraga harebwa ejo hazaza h'ibi byanya bikomwe.

- Kwita ku kibazo cy’iyonwa ry’imyaka mu gihe hakorwa gahunda y’ubuhinzi ahegereye Gishwati

- **RDB :**
  - Gukomeza gukora ibishoboka byose ngo haboneke uburinzi burambye bw’ishyamba rya Gishwati, hihutishwa umushinga ugira Gishwati na Mukura Pariki

- **Ingabo:** Gutanga ubufasha buhagije mu gukomeza guca intege abacukuzi b’amabuye y’agaciro,

- **RNRA ishami ry’amashyamba**
  - Kwihutisha isinywa ryamasezerano na Forest of Hope Association (FHA) ku micungire ya Gishwati
  - Gukomeza gukora ibishoboka byose mu kwihutisha umushinga ugira Gishwati na Mukura Pariki
  - Kunonosora neza uburyo bwiza ibiti bitari cyimeza bisarurwa mu mashyamba cyimeza byakorwa hirindwa ingaruka byagira ku micungire y’ishyamba n’ibirituye.

Asoza inama uwari uhagariye Umunyamabanga Nshingabikorwa w’umurenge wa Ruhango, ahabereye ibikorwa byo gusura ishyamba, yashimye ibitekerezo byatanzwe, agaragagaza ko ari byiza ko hakomeza ubufatanye mu kubungabunga ishyamba rya Gishwati. Yagaragaje imbaraga zubatswe mu baturiye Gishwati ndetse n’ibikorwa birimo gutegurwa bigamije kubungabunga iri shyamba no kwitegura ba Mukerarugendo, Yizeza gukomeza kwongera imbaraga mu bikorwa byose kugirango ibyakozwe bitazasubira inyuma.



*Ifoto y’abitabiriye iyi nama*

Ku mugereka w’iyi raporo hari urutonde n’amasinya by’abitabiriye iyi nama.

**Thierry Aimable INZIRAYINEZA**
**Umuhuzabikorwa wa Forest of Hope Association (FHA)**

Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

**Kigeyo kuwa 24/07/2014**

## INAMA Y'ABAFATANYABIKORWA 3

| No | Amazina | Icyo ukora | Tel | E-mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NKURUNZIZA Gervais | FHA Member | 0788161659 | nkurvaiz2002@yahoo.fr | [signature] |
| 2 | NGEZAHAYO Innocent | Sector Agronomist | 0788513172 | ngezinnocent@yahoo.fr | [signature] |
| 3 | NTIBIRAMIRA Damascène | S.EX/NYAGAHINIKA | 0788450682 | - | [signature] |
| 4 | SENDAMA J. Celestin | P.C Postion Gakeli | 0782482657 | | [signature] |
| 5 | MUVUNYI J Bosco | POLICE Ly... | 0728355639 | | [signature] |
| 6 | MANIRIHO Aristide | FHA | 0788803193 | manirihoaristide1@gmail.com | [signature] |
| 7 | NGOGA Telesphore | Division Manager (Conservation)/RDB | 0788774121 | telesphore.ngoga@rdb.rw | [signature] |
| 8 | UWIHANGANYE J. Baptiste | S. Ex. Kigeyo Sector | 0788677512 | uwihang@yahoo.fr | [signature] |
| 9 | RUTABAYIRO Schadrack | OC STN Bihango | 0788312984 | — | [signature] |
| 10 | BAMPORIKI Zacharie | STN/MUBUGA (M) | 0786620849 | — | [signature] |
| 11 | MANIRUZWE M. Goretti | Productivity O. | 0788838585 | marygogo@gmail.com | [signature] |
| 12 | INZIRAYINEZA A. Thierry | FHA/Coordinator | 0783491512 | iyimeza12@gmail.com | [signature] |
| 13 | | | | | |
| 14 | | | | | |
| 15 | | | | | |

Forest of Hope Association
FHA

Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

**Kigeyo kuwa 24/07/2014**

## INAMA Y'ABAFATANYABIKORWA 3

| No | Amazina | Icyo ukora | Tel | E-mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NUFITEYEZU Justin | S-E-cell | 0786201856 | | |
| 2 | MUNYANKINDI Benoit | RDB/Rubavu | 0788652971 | benedipito80@yahoo.fr | |
| 3 | Benjamin MUGABUKOMEYE | IGCP | 0788531708 | mugabobeno@yahoo.com | |
| 4 | SEBOMANA Jean Aimé | RDB | 0788506216 | jeanaime.sebomana@rdb.rw | |
| 5 | GISAGARA Emm | Uhagarariye | 0783230[illegible] | uhagarariye[illegible] | |
| 6 | GASIGWA J. d'Amour | SE/RUKARAGATA | 0788804530 | gasidia@yahoo.fr | |
| 7 | NAMBAZA Pascal | Agronome/Nyabirasi | 0788604946 | pnambaza@yahoo.com | |
| 8 | BIMENYIMANA Emmanuel Bem | A.EX/GIHIRA | 0788660898 | emmanuelbem@yahoo.com | |
| 9 | | | | | |
| 10 | | | | | |
| 11 | | | | | |
| 12 | | | | | |
| 13 | | | | | |
| 14 | | | | | |
| 15 | | | | | |